
# Indwara z'ibanze n'ibyonnyi

| Indwara / Ibyonnyi | Ibimenyetso | Wayirwanya ute? | Ibipimo bikoreshwa k'umuti |
|---|---|---|---|
| **Indwara z'imizi: Uruyongobeza mimero** |  Imizi irabora, Ibishyimbo bikuma bikiri bito cyangwa amababi akaba umuhondo cyangwa se bikuma bigeze mu rurabo. | -Terera igihe<br>-Kora ibyatuma ibishyimbo bimera vuba, kandi bigafata bifite ingufu (gufumbira uko bikwiye);<br>-Tera mu bujyakuzimu bwa cm 5 mu murima utarekamo amazi;<br>-Vana mu murima ibishogoshogo nyuma yo gusarura.<br>-Simburanya ibihingwa mu murima | - |
| **Isazi y'ibishyimbo** |  Iyi sazi ifata igice cy' igihimba cyegereye ubutaka. Ibishyimbo bikura nabi n'amababi agahinduka umuhondo. | -Hungira imbuto mbere yo gutera ukoresheje umuti wica uduhumyo witwa "fipronil " cyangwa "imidacloprid"<br>-Sukira igihe kitararenga;<br>-Fumbira uko bikwiye;<br>-Ibishyimbo byafashwe. tera umuti : Azadiractin (neem extract)<br>-Simburanya ibihingwa mu murima | -Vanga 4gr za Imidacloprid (Gaucho) ku kilo cy'imbuto.<br>-Vanga 20ml za Azadirachtin muri litiro 20 z'amazi |
| **Akaribata** |  Amabara y'umukara y'uruziga asa n'ikigina kivanze n'ikijuju ku misogwe. | - Tera imbuto itarwaye (yasaruwe ku misogwe itarwaye),<br>-Ubahiriza igerambuto riteganywa.<br>-Vana mu murima ibishogoshogo by'ibishyimbo byarwaye kandi ubitabe<br>-Tera umuti: Chlorothalonil<br>-Hungira imbuto mbere yo kuyitera ukoresheje umuti nka carbendazin 50% WP<br>-Simburanya ibihingwa mu murima | Vanga g 10 z'umuti muri litiro 20 y'amazi. |
| **Ubuhunduguru** |  Ibishyimbo byafashwe bikura nabi, amababi agahinduka umuhondo | -Terera igihe,<br>-Gufumbira no kubahiriza imirimo yose ikorerwa ibishyimbo<br>-Hinga kijyambere ku buryo ibishyimbo bikura vuba,<br>-Ubahiriza igerambuto riteganywa<br>-Tera umuti wica udukoko: Lambdacyhalothrin.<br>-Simburanya ibihingwa mu murima | Vanga ml 15 z'umuti muri litiro 15 z'amazi. |
| **Indwara y'ikiziga: Asikoshitozi** |  Amabara y'ikigina yeruruka agiye akora inziga | -Tera amoko yihanganira iyi ndwara,<br>-Hungira imbuto mbere yo kuyitera ukoresheje umuti nka carbendazin 50% WP<br>-Simburanya ibihingwa mu murima | Vanga g 10 z'umuti muri litiro 20 y'amazi. |